REB
Rwanda Education Board

Isazi n'ikimonyo



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019

Inkuru yo mu kicyo
5
cya gatanu cyo gusoma

MUMPE URUBUGA NSOME!

MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

Isazi n'ikimonyo



Imwe mu nkuru zahize izindi mu irushanwa
ANDIKA RWANDA 2019

Inkuru yo mu kiciro
5
cya gatanu cyo gusoma

NYIRIMANZI Natanayeri, yanditse iyi nkuru afite imyaka 12, yiga mu mwaka wa 6 w'amashuri abanza, mu Kigo cy'Amashuri Abanza cya Nyenyeri, Akarere ka Gakenke, Intara y'Amajyaruguru. Iyi nkuru ye, ISAZI N'IKIMONYO ni imwe mu zahize izindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.

Isazi n'ikimonyo byari inshuti magara, bisangira akabisi n'agahiye. Byafatanyaga imirimo yose kandi bigahuriza hamwe imitungo yabyo. Byari byarasezeranye kuzakomeza umubano haba mu byiza ndetse no mu byago.



Umunsi umwe, byambuka ikiraro bijya guhinga mu murima wari hakurya y'uruzi. Bigeze mu murima bihinga bwangu. Nuko birangije bijya kureba niba amateke byahinze yareze.



Mu gihe bitangiye kwitegura gutaha, hagwa imvura nyinshi cyane. Bica amakoma biritwikira ariko imvura ikomeza kuba nyinshi.
Maze byiruka bijya kugama mu rugo rwari hafi aho. Imvura ihise, bishimira ababyugamishije, birasezera birataha.



Ikimonyo n'isazi bigeze ku ruzi bisanga rwuzuye. Amazi yari yatwaye ikiraro, maze bibura uko byambuka. Ikimonyo gisaba isazi kucyambutsa, iranga. Erega kigira ngo ni imikino! Ikimonyo kibwira isazi kiti: "Ariko urabona tugera imuhira ryari?"



Isazi yirengagiza amasezerano byagiranye, maze itangira kwirata ku kimonyo. Ikishongoraho biratinda!
Isazi iti : “Cyo se mugenzi wange urambuka ute? Umva ko wigenje, nange ndore!”
Irongera iti: “Ngewe nifitiye amababa yange, reka nigurukire ngaho urabeho!” Isazi ibwira ikimonyo kugumana umurima byahingaga, yo ikajyana ibyo hakurya y’uruzi.

Ikimonyo kibuze uko kibigenza, agahinda karakica, gishaka kwiroha mu ruzi, birakinanira. Kiricara kitegereza uko amazi yivumbagatanya kigira ubwoba. Nuko gicurika umutwe mu maguru. Ikimonyo kibunza imitima, kibaza aho kirara, kandi n'inzara yari ikimereye nabi.

Ikimonyo gikomeza kwibaza ukuntu inshuti yacyo magara kizeraga yatinyutse kugihemukira bigeze aho. Kera kabaye, haza uruyuki rusanga ikimonyo cyahangayitse. Uruyuki rurakibaza ruti: “Byakugendekeye bite ko nkubonye nkakuka umutima?”

Uruyuki rusaba ikimonyo kwihangana kikarubwira uko byagenze, kugira ngo bishakire hamwe umuti.
Ikimonyo kubera agahinda kenshi, kiraturika kirarira. Kibwira uruyuki ukuntu isazi yagitereranye mu byago, ikajya kwigarurira imitungo byari bifatanyije.

Uruyuki rumaze kubyumva, rurakihanganisha ruti : “Yooo! Mbese ni uko byakugendekeye! Ihangane, uzabona izindi nshuti nziza zizagukunda mu bihe byose.” Ikimonyo gishimira uruyuki, kirubwira ko kigerageza kwihangana.

Uruyuki ruti: “Reka ndebe uko nagufasha nkwambutse maze utahe. Data yahoraga ambwira ko inshuti uyikura ku nzira. Ikizima ni ukugira neza.”
Uruyuki rurunama, rurambura amababa, ikimonyo kijya mu mugongo kirafata kirakomeza.



Uruyuki ruritunatuna, rushyiramo imbaraga zose, rurakigurukana. Hanyuma byambuka uruzi. Ku bw'amahirwe bigera hakurya yarwo amahoro.



Uruyuki n'ikimonyo biriruhutsa. Ruricara, rwihanagura ibyuya byari byarurenze. Ikimonyo kinarushimira cyane. Kirarubwira kiti: "Nzakwitura ineza ungiriye, kandi sinzigera nyibagirwa na rimwe."

Ikimonyo gisaba uruyuki kugiherekeza, bikagerana imuhira bigasangira. Cyari cyasizeyo umutobe. Bigeze mu rugo, bisanga isazi yatumiye abaturanyi barimo kunywa nk'aho ntacyabaye.

Isazi yari yababwiye ko ikimonyo cyagiye mu rugendo rwa kure kandi kitazaza vuba. Isazi ikubise ikimonyo amaso ibura aho irigitira, ikimwaro kirayica. Itangira kuvuga ururimi rutava mu kanwa.

Abaturanyi bagwa mu kantu, batangira kubazanya ibibaye. Ikimonyo kibwira abari aho ubuhemu isazi yagikoreye. Bose barumirwa basaba isazi kuvuga icyabiyiteye.



Isazi yemera icyaha. Irapfukama, isaba ikimonyo imbabazi n'abari aho bose. Ikimonyo kiriyumvira, kigisha umutima inama. Kigeze aho kiravuga kiti: "Muvandimwe ubwo wemeye icyaha ugasaba imbabazi, ndakubabariye."



Ikimonyo gisaba abateraniye aho bose gushimira uruyuki kuko rwagikuye ahakomeye. Ikimonyo gihereza uruyuki igikombe cyuzuye umutobe, kirubwira ko bibaye inshuti zikomeye.



Abari aho bose bakomera amashyi uruyuki. Barushimira ubutwari rwagize. Isazi yo barayigaya, bayibwira ko ibyo yakoze bidakwiye. Bayisaba kutazongera guhemuka ukundi. Isazi irabyemera iranabashimira.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA